



---

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA  
MADAME JEANNETTE KAGAME**

---

IHURIIRO RYA 17 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI



**KU WA 16 UGUSHYINGO 2024  
KIGALI CONVENTION CENTRE**

**Banyakubahwa, Bayobozi b'Inzego Nkuru z'Igihugu cyacu,**

**Batumirwa bacu bahire, Nshuti za Unity Club,**

**Bavandimwe - Ntwararumuri,**

**Abarinzi b'Igihango,**

**Rubyiruko Bana bacu,**

Muraho neza!

- Ikaze mu Ihuriro ryacu rya 17 ry'Umuryango Unity Club Intwararumuri.
- Iyo utekereje iki gihugu, aho cyavuye, ukibuka iminsi ya mbere dutekereza Unity Club, nta wari uzi ko byakunda, nyamara twabigezeho ku kigero gishimishije.
- Nyuma y' imyaka 30 yo Kwibohora, imbaraga n'ibikorwa bitandukanye byo kubaka no gukomeza ubumwe, turishimira intambwe tumaze gutera mu kubaka u Rwanda, nk'uko bigaragazwa n'ibipimo bitandukanye by'aho Igihugu kigeze cyiyubaka.

- Kongera gusubiza u Rwanda umwimerere warwo w'ubumwe, gushyira imbere Ubunyarwanda, no kurandura burundu iturufu y'amacakubiri yakoreshejwe igithe kinini, byari ngombwa, kuko yaratwononeye bikabije.
- Nk'Intwararumuri, urugero rwa hafi twareberaho ni gahunda ya “**Ndi Umunyarwanda**”, uko yatangiriye hagati muri twe, none ikaba yarashoye imizi kandi igatanga umusaruro mu gihugu hose, ndetse no mu banyarwanda aho bari hose.
- Hari abibaza bati, ko Ndi Umunyarwanda yahawe umwanya uhagije, ubu ntihageze ko dutangira no kuganira ku bindi? N'ubwo tumaze gutera intambwe ishimishije, haracyari ibyo dukwiye gushyiramo imbaraga kurushaho.
- Uyu mwaka twifuje ko insanganyamatsiko y'iri huriro ikomeza kuba “**Ndi Umunyarwanda, Igitekerezo Ngenga cy'Ukubaho Kwacu**”, kuko ari ngombwa gukomeza kuzirikana ko ubunyarwanda ari yo sano-muzi yacu. Ubumwe bwacu bukaba ingabo ikingira icyo ari cyo cyose cyadutanya.

- Tutazirara - tukibeshya ko uwabibye ingengabitekerezo ya jenoside, akanayishyira mu bikorwa yarekeye aho.
- Abifuriza Igihugu cyacu inabi no gutandukanya Abanyarwanda, baracyahari kandi bari mu ngeri nyinshi, baba abanyamahanga cyangwa se n'Abanyarwanda ubwabo, bagifite imyumvire mibi yo gusenya Igihugu.
- Aba ariko ntawe bakwiye guhungabanya! Kuko ibyo twagezeho byose bari bahari kandi bavuga, cyangwa bakora ibyashoboraga kutudindiza, **ariko wa mutima w'u Rwanda watumye tudacika intege**.
- Hari ingero z'ibyo tukibona bigaragaza ubugome n'intekerezo mbi mu bantu. Mujya mwumva amakuru y'abasenyerwa amazu, abo boherereza ubutumwa bw'iterabwoba n'ivangura, amatungo yicwa andi agakomeretswa, abakorerwa iohohoterwa, n'ibindi... byose bigamije kubarimbura burundu kubera abo ari bo.

- Biratangaje kubona uwakoze ikibi cyangwa uwamamaje ibidakwiye, abantu bamuha umwanya munini, rimwe na rimwe akagira n'abashyigikira intekerezo ze, bakamukurikira muri iyo nzira igayitse.
- Ibi iyo bigeze mu bafite inshingano zo kuyobora abandi, bigira ingaruka mbi no kurusha, baba abayobozi mu nzego za Leta, amadini, amatorero, inzego z'abikorera, abahanzi n'ibyamamare, n'abandi, kuko ubundi umuyobozi mwiza agomba kuba intangarugero muri byose.

### **Batumirwa bahire,**

- Tuzi twese imitekerereze n'imikorere, twumva mu bihugu duturanye ihembera ivangura n'amacakubiri. Nyuma y'ibi byose, hamwe n'ibindi namwe mwiyumvira mu makuru hirya no hino, **ni iki tutabonye? Ni irihe somo tutize byatuma twirara?**
- Murabizi ko hashyizweho uburyo budufasha gukomeza kwigisha ubumwe bwacu, aha twavuga Ministeri y'Ubumwe n'Inshingano Mboneragihugu, Itorero ry'igihugu n'ibindi.

- Mu Itorero niho abato bigira, ndetse bakamenya amateka, indangagaciro na kirazira by’umuco Nyarwanda n’imyifatire ikwiye, bakanabikuramo ishyaka ryo gukunda igihugu no kukirinda, ubwitange no kwimakaza ubumwe bw’Abanyarwanda.
- Dukwiye kandi kwigisha amasomo yihariye ku mateka, haba mu Itorero ariko no muri gahunda y’amashuri mato n’ayisumbuye, **mu madini n’amatorero**, kugira ngo dufashe abato kumva neza uko u Rwanda rwahoze, uko rwiyubatse, aho tugeze twiyubaka, n’icyo basabwa gukora, kugira ngo tugere kuri rwa Rwanda twifuza.
- Imyaka 30 ishize hari ingamba n’ibisubizo byadufashije kunga ubumwe no gushyira ubunyarwanda imbere. Nyuma y’iki gihe rero, birakenewe kongera gusuzuma, tukareba ingamba zижanye n’ibihe biri imbere.
- Guhakana no gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi, bigenda byiyongera kandibihindura isura.

Muri iyi minsi twumva ko isi iha umwanya n'urubuga abacurabwenge (**Masterminds**) bahamijwe iki cyaha, bakandika bahakana cyangwa bashinjurana hagati yabo.

- Abanyamategeko, civil society...ni ngombwa kwiga ingamba z'uru rugamba mu buryo bwihariye.
- Umuryango Unity Club, Abashakashatsi, ndetse n'imiryango itandukanye, bagiye bagaragaza ibibazo by'ubuzima bwo mu mutwe, harimo n'ikibazo cy'ihungabana, ndetse n'uruhererekane rw'ihungabana mu muryango, bituruka kuri Jenoside.
- Ibi rero bigira ingaruka mbi ku buzima kuko akensi bivamo uburwayi, kwiheba, ndetse hari n'abo biviramo urupfu.
- Turabigenza dute ngo ingamba twakoreshjeje twivura zishyirwemo imbaraga, zigendera kuri **science** kandi zivure benshi?
- Tuzirikane kandi ko ubu hari n'abarimo gutaha mu miryango yabo, nyuma yo kurangiza igifungo bari barakatiwe, kubera ibyaha bakoze bya Jenoside.

- Ese twiteguye dute kubafasha kubana mu mahoro n'abo basanze?

**Batumirwa Bacu, munyemerere ngire icyo mbisabira,**

**Rubyiruko,**

- Bigaragara ko mumaze gusobanukirwa amateka yacu, ndetse muri benshi bagira uruhare mu kuyarinda, no guharanira ko u Rwanda rukomeza kwema. Ariko muracyabona urundi rubyiruko hirya no hino runyura indi nzira. Ni ahanyu rero ho kubasangiza iyo mitekerereze myiza, kuko ushobora gusanga hari abo bihinduye – **Ntimuzacogore!**

**Ku Bayobozi b'amadini n'amatorero,**

- Turibukiranya ko umushumba mwiza ari umenya intama ze, akazitoza kubana neza mu bworoherane, guhora zunze ubumwe; maze akaziyobora inzira nziza y'amahoro n'ineza.
- Ariko birababaje kubona mu mateka y'igihugu cyacu, hari bamwe mu bashumba batatiye icyo gihango, bagatererana izo baragijwe.

- Turemeranya ko, uko ari ugutsindwa gukomeye - uyu munsi tukaba dufite zimwe mu zahoze ari insengero zahindutse inzibutso za Jenoside.
- **None rero bashumba b' ubushyo bw'Imana n'u Rwanda,** nimuzirikane umuhamagaro wanyu, ndetse n'icyizere gikomeye abayoboke banyu babafitiye, maze bitume murushaho gushyira imbaraga mu gufasha abantu kwiyunga, komora ibikomere no kudaheranwa n'amateka mabi twanyuzemo.
- Urukundo ni wo muhamagaro duhuriraho twese mu myemerere yacu itandukanye, rukaba kandi n'indangagaciro isumba zose.
- **Nimubigenza mutyo, muzaba mwubakiye Imana yabatumye n'u Rwanda rwababyaye!**

**Bavandimwe Ntwararumuri - dusangamo n'abari mu nzego z'imiyoberere y'igihugu,**

- Mufite amahirwe yo kuyobora u Rwanda twishimiye kandi rwahinduye amateka; abarwo twese dufite uburenganzira bungana.

- Tumaze kubona twese ko abaturage bizera umuyobozi uvugisha ukuri kandi ushyira mu bikorwa ibyo yiyemeje. Natwe bikwiye kuturanga.
- **Ese nk'Intwararumuri, ntibikwiye ko dufata iya mbere, natwe tukajya dusubira iwacu aho dukomoka, tukaganira ku bibazo bitwugarije, tukibukiranya impamvu yo gukomeza guhuza umugambi wo gukomera ku bunyarwanda n'ubumwe bwacu?**
- Mu kinyarwanda tuvuga ko nta muhanuzi iwabo, ariko kandi unabwira abe ntavunika (*bitavuze ko n'ab'ahandi atari abawe*). Turi Intwararumuri - Ni twe bahamya b'uko bishoboka koko!
- Twongere duhige gukorera iki gihugu, tuzirikana **ikiguzi cyo kwibura, tukibona mu ndorerwamo z'amoko n'ibindi bidutandukanya by'ibihahano.** Twuzuze inshingano zacu dushyira imbere inyungu z'umuturage, **dukomeze kubaka umuntu ucyeeye, wuje umutimanama n'umutimamana.** Ibi na byo bizabe igitekerezo-ngenga, kuko ari wo mutamenwa uzarinda ubumwe buhoraho.

- Harakabaho u Rwanda rubumbatira abarwo bose, bakarubamo, narwo rukababamo!

**Tugire Ihuriro ryiza, Murakoze!**